Bibiliya y'abana irerekana

Ibihe bikomeye bya Yesu

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: M. Maillot; Sarah S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

UbwoYesu yabatizwaga Imana yaravuze iti: "uyu ni umwana wanjye Nkunda. nkamwishimira."

Umwuka wera w'Imana umanukira kuri Yesu mu ishusho y'Inuma.

Nyuma gato, Umwuka
Wera w'Imana uyobora
Yesu ahantu
h'ubutayu. Yesu
yari wenyine.

Yesu yiyiriza hafi iminsi mirongo ine. Bisobanura ko atagombaga kurya no kunywa. Yagize inzara.

Bibiliya ivuga ko hariyo n'inyamaswa y'inkazi.

Satani aza kugerageza Yesu.

Mbere Yari yarageraageje Adamu na Eva m'ubusitani bwa Edeni.

Yesu yarageragejwe.

Satani yageze aho ageragеza Yesu umwana w'Imana.

Sekibi agira ati: "Niba uri umwana w'Imana"
Hindura iri buye umugati.
Yari azi ko Yesu ashonje.

Yari azi ko Yesu yahindura ibuye umugati. Yesu yagombaga kubaha sekibi?

Oya! Yesu ntiyagombaga kubaha Sekibi. ahubwo asubiza mu magambo y'Imana:

"Umuntu ntagomba gutungwa n'ibyo kurya gusa ahubwo n'ijambo iryari ryo ryose rivuye mu kanwa k'Imana."

Satani ayobora Yesu mu murwa munini wa Yerusalemu, hejuru y'inzu yera aho abantu baramyaga Imana.

Nyuma Satani yaje gukora iki?

Niba uri umwana w'Imana, simbukira hasi "Sekibi niwe uvuze". Abamarayika be baragusama.

"Oya" Yesu arasubiza. Biranditse ngo ntugomba kurageza umwami Imana yawe.



Sekibi arongera. Afata Yesu hanze y'umurwa ku musozi muremure.

Yereka Yesu ubwami bwose bw'isi, Sekibi aravuga, "Nzaguha ibi byose ni wemera kumfukamira ukandamya".

"Jya inyuma yanjye, satani! Yesu arategeka. Biranditse ngo..."



uramye umwami Mana yawe kandi ariwe ukorera.



Sekibi atandukana
na Yesu amutega
ikindi gihe.
Haba haje
ikintu cyiza.



Imana yohererereza
Yesu abamarayika
ku mukomeza no
kumuhumuriza
we utaremeye
kumvira
Sekibi.

Ibihe bikomeye bya Yesu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 4, luka 4

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo." Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.
Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16